



Umwaka wa 62
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 22/11/2023

Year 62
Official Gazette n° Special of
22/11/2023

62^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
22/11/2023

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Iteka rya Minisitiri/ Ministerial Order/ Arrêté Ministériel

Iteka rya Minisitiri n° 004/MoE/23 ryo ku wa 21/11/2023 rigena imikorere y’Inama Ngenamikorere yerekeranye n’umwuga wo gukora isuzuma ku bidukikije.....2

Ministerial Order n° 004/MoE/23 of 21/11/2023 determining the functioning of the Regulatory Council on the environmental assessment profession.....2

Arrêté Ministériel n° 004/MoE/23 du 21/11/2023 déterminant le fonctionnement du Conseil de Régulation de la profession d’évaluation environnementale.....2

ITEKA RYA MINISITIRI N° 004/MoE/23 RYO KU WA 21/11/2023 RIGENA IMIKORERE Y'INAMA NGENAMIKORERE YEREKERANYE N'UMWUGA WO GUKORA ISUZUMA KU BIDUKIKIJE <u>ISHAKIRO</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> icyo iri teka rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Itumizwa n'iterana by'inama <u>Ingingo ya 3:</u> Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane n'uburyo ibyemezo bifatwa <u>Ingingo ya 4:</u> Itumirwa mu nama y'Inama Ngenamikorere ry'undi muntu ushobora kuyungura inama <u>Ingingo ya 5:</u> Ibyemezo n'inyandiko mvugo by'inama <u>Ingingo ya 6:</u> Igongana ry'inyungu <u>Ingingo ya 7:</u> Ingingo y'ururimi <u>Ingingo ya 8:</u> Gutangira gukurikizwa	MINISTERIAL ORDER N° 004/MoE/23 OF 21/11/2023 DETERMINING THE FUNCTIONING OF THE REGULATORY COUNCIL ON THE ENVIRONMENTAL ASSESSMENT PROFESSION <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Order <u>Article 2:</u> Convening and holding of meetings <u>Article 3:</u> Quorum and modalities for decision-taking <u>Article 4:</u> Invitation of a resource person to the meeting of the Regulatory Council <u>Article 5:</u> Resolutions and minutes of the meeting <u>Article 6:</u> Conflict of interests <u>Article 7:</u> Language provision <u>Article 8:</u> Entry into force	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 004/MoE/23 DU 21/11/2023 DÉTERMINANT LE FONCTIONNEMENT DU CONSEIL DE RÉGULATION DE LA PROFESSION D'ÉVALUATION ENVIRONNEMENTALE <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté <u>Article 2 :</u> Convocation et tenue des réunions <u>Article 3 :</u> Quorum et modalités de prise de décisions <u>Article 4 :</u> Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil de Régulation <u>Article 5 :</u> Résolutions et procès-verbaux de la réunion <u>Article 6 :</u> Conflit d'intérêts <u>Article 7 :</u> Disposition linguistique <u>Article 8 :</u> Entrée en vigueur
--	---	--

ITEKA RYA MINISITIRI N° 004/MoE/23 RYO KU WA 21/11/2023 RIGENA IMIKORERE Y'INAMA NGENAMIKORERE YEREKERANYE N'UMWUGA WO GUKORA ISUZUMA KU BIDUKIKIJE Minisitiri w'Ibidukikije; Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda; Ashingiye ku Itegeko n° 36/2016 ryo ku wa 08/09/2016 rishyiraho Urugaga rushinzwe Ubunyamwuga mu Bidukikije mu Rwanda, rikanagena imitunganyirize n'imikorere byarwo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 29; Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 13/07/2023 imaze kubisuzuma no kubyemeza; ATEGETSE: <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije Iri teka rigena imikorere y'Inama Ngenamikorere ishinze gutunganya no kugenzura umwuga wo gukora isuzuma ku bidukikije, yitwa « Inama Ngenamikorere» mu ngingo zikurikira.	MINISTERIAL ORDER N° 004/MoE/23 OF 21/11/2023 DETERMINING THE FUNCTIONING OF THE REGULATORY COUNCIL ON THE ENVIRONMENTAL ASSESSMENT PROFESSION The Minister of Environment; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda; Pursuant to Law n° 36/2016 of 08/09/2016 establishing Rwanda Association of Professional Environmental Practitioners and determining its organization and functioning, especially in Article 29; After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 13/07/2023; ORDERS: <u>Article One: Purpose of this Order</u> This Order determines the functioning of the Regulatory Council responsible for organising and supervising the environmental assessment profession, hereinafter referred to as “the Regulatory Council”.	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 004/MoE/23 DU 21/11/2023 DÉTERMINANT LE FONCTIONNEMENT DU CONSEIL DE RÉGULATION DE LA PROFESSION D'ÉVALUATION ENVIRONNEMENTALE Le Ministre de l'Environnement ; Vu la Constitution de la République du Rwanda; Vu la Loi n° 36/2016 du 08/09/2016 portant création de l'Ordre des Praticiens en Environnement au Rwanda et déterminant son organisation et son fonctionnement, spécialement en son article 29 ; Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 13/07/2023 ; ARRÊTE : <u>Article premier : Objet du présent arrêté</u> Le présent arrêté détermine le fonctionnement du Conseil de Régulation chargé d'organiser et de superviser la profession d'évaluation environnementale, ci-après dénommé « Conseil de Régulation »
---	--	--

<u>Ingingo ya 2: Itumizwa n’iterana by’inama</u> (1) Inama y’Inama Ngenamikorere itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo. Iyo Perezida adahari, inama itumizwa na Visi-Perezida akanayiyobora. (2) Ubutumire mu nama y’Inama Ngenamikorere bukorwa mu nyandiko igaragaza ibiri ku murongo w’ibyigwa. Bugezwa ku bagize Inama Ngenamikorere nibura iminsi 15 mbere y’uko inama iterana.	<u>Article 2: Convening and holding of meetings</u> (1) The meeting of the Regulatory Council is convened and chaired by its Chairperson. In case of absence of the Chairperson, the meeting is convened and chaired by the Vice-Chairperson. (2) The invitation to the meeting of the Regulatory Council is made in writing and indicates the items on the agenda. It is submitted to the members of the Regulatory Council at least 15 days before the meeting is held.	<u>Article 2 : Convocation et tenue des réunions</u> (1) La réunion du Conseil de Régulation est convoquée et présidée par son Président. En cas d’absence du Président, la réunion est convoquée et présidée par le Vice-Président. (2) L’invitation à la réunion du Conseil de Régulation se fait par écrit et indique les points à l’ordre du jour. Elle est adressée aux membres du Conseil de Régulation au moins 15 jours avant la tenue de la réunion.
<u>Ingingo ya 3: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane n’uburyo ibyemezo bifatwa</u> (1) Inama y’Inama Ngenamikorere iterana iyo hari nibura batanu mu bayigize. (2) Ibyemezo by’inama y’Inama Ngenamikorere bifatwa ku bwumvikane busesuye bw’abitabiriye inama. Iyo bidashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw’amajwi y’abitabiriye inama.	<u>Article 3: Quorum and modalities for decision-taking</u> (1) The meeting of the Regulatory Council is held if at least five members are present. (2) Decisions of meeting of the Regulatory Council are taken by consensus of the members present in the meeting. In case the consensus is not reached, decisions are taken by an absolute majority of votes of the members present in meeting.	<u>Article 3 : Quorum et modalités de prise de décisions</u> (1) La réunion du Conseil de Régulation se tient lorsqu’au moins cinq membres sont présents. (2) Les décisions de la réunion du Conseil de Régulation sont prises par consensus des membres présents à la réunion. À défaut du consensus, les décisions sont prises à la majorité absolue des voix des membres présents à la réunion.

(3) Iyo habaye kunganya amajwi, ijwi ry'umuyobozi w'inama ni ryo rikemura impaka. <u>Ingingo ya 4: Itumirwa mu nama y'Inama Ngenamikorere ry'undi muntu ushobora kuyungura inama</u> (1) Inama Ngenamikorere ishobora gutumira mu nama yayo undi muntu ushobora kuyungura inama. (2) Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikira iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa. <u>Ingingo ya 5: Ibyemezo n'inyandiko mvugo by'inama</u> (1) Ibyemezo by'inama y'Inama Ngenamikorere bishyirwaho umukono n'abayigize bitabiriye inama ikirangira. Kopi y'ibyo byemezo yoherezwa Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi itanu y'akazi, kugira ngo agire icyo abivugaho mu gihe kitarenze iminsi 15 kuva abishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze nta cyo Minisitiri abivuzeho, ibyemezo by'inama biba byemejwe burundu.	(3) In case of a tie, the chairperson of the meeting has a casting vote. <u>Article 4: Invitation of a resource person to the meeting of the Regulatory Council</u> (1) The Regulatory Council may invite to its meeting another person from whom it may seek advice. (2) The invited person is allowed neither to vote nor to follow debates on other items on the agenda. <u>Article 5: Resolutions and minutes of the meeting</u> (1) Resolutions of the meeting of the Regulatory Council are signed by its members present immediately after the meeting. A copy of the resolutions is submitted to the Minister in charge of environment within five working days for his or her feedback within 15 days from the date of receipt. If the period expires without feedback from the Minister, the resolutions of the meeting are considered to have been definitively approved.	(3) En cas d'égalité des voix, le président de la réunion a une voix prépondérante. <u>Article 4 : Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil de Régulation</u> (1) Le Conseil de Régulation peut inviter à sa réunion une autre personne dont il peut obtenir des conseils. (2) La personne invitée n'est pas autorisée de voter ni de suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour. <u>Article 5 : Résolutions et procès-verbaux de la réunion</u> (1) Les résolutions de la réunion du Conseil de Régulation sont signées par ses membres présents immédiatement après la réunion. Une copie des résolutions est adressée au Ministre ayant l'environnement dans ses attributions endéans cinq jours ouvrables pour donner son point de vue endéans 15 jours à partir de la réception. Passé ce délai sans le point de vue du Ministre, les résolutions de la réunion sont réputées définitivement approuvées.
---	--	---

(2) Inyandiko mvugo y’inama y’Inama Ngenamikorere ishyirwaho umukono na Perezida n’umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y’inyandiko mvugo yohererezwa Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi 15 y’akazi guhera ku munsu yemerejweho. (3) Inama Ngenamikorere ishyikiriza Urugaga rushinzwe Ubunyamwuga mu Bidukikije mu Rwanda ibyemezo by’inama yayo kugira ngo rubishyire mu bikorwa, ikagera kopi ikigo gifite kubungabunga ibidukikije mu nshingano n’urundi rwego bireba. (4) Inama Ngenamikorere ikurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’ibyemezo byayo.	(2) Minutes of the meeting of the Regulatory Council are signed by the Chairperson and its rapporteur and approved at the next meeting. A copy of the minutes is submitted to the Minister in charge of environment within 15 working days from the day of approval. (3) The Regulatory Council notifies the resolutions of its meeting to the Rwanda Association of Professional Environmental Practitioners for implementation and provides a copy to the Authority in charge of environmental conservation and any other relevant organ. (4) The Regulatory Council monitors the implementation of its resolutions.	(2) Le procès-verbal de la réunion du Conseil de Régulation est signé par le Président et son rapporteur et approuvé à la prochaine réunion. Une copie du procès-verbal est adressée au Ministre ayant l’environnement dans ses attributions endéans 15 jours ouvrables à partir du jour de son approbation. (3) Le Conseil de Régulation notifie les résolutions de sa réunion à l’Ordre des Praticiens en Environnement au Rwanda pour exécution et en donne copie à l’Office ayant la conservation de l’environnement dans ses attributions et à un autre organe concerné. (4) Le Conseil de Régulation fait le suivi de la mise en œuvre de ses résolutions.
<u>Ingingo ya 6: Igongana ry’inyungu</u> Ugize Inama Ngenamikorere abujijwe kuba mu bafata ibyemezo iyo inama isuzuma ibibazo bimureba, ibireba ababyeyi be, abo bafitanye isano kugeza ku gisanira cya kabiri, cyangwa iyo bireba abo bafitanye isano ry’ubushyingirane kugeza ku gisanira cya kabiri, cyangwa iyo isuzuma ibyo afitemo	<u>Article 6: Conflict of interests</u> A member of the Regulatory Council is prohibited from being among the members who take decisions in case the meeting is considering issues concerning him or her, those concerning his or her parents, relatives up to the second degree or in-laws up to the second degree, or in case the meeting considers	<u>Article 6 : Conflit d’intérêts</u> Un membre du Conseil de Régulation est interdit de faire partie des membres qui prennent les décisions lorsque la réunion examine les questions qui le concernent, qui concernent ses parents, les membres de sa famille jusqu’au deuxième degré ou les parents alliés jusqu’au deuxième degré, ou lorsque la

Official Gazette n° Special of 22/11/2023

inyungu. Uwo bireba ahita abimenyeshya Inama Ngenamikorere kandi ntiyitabira inama isuzuma ingingo imureba.	an issue in which he or she has an interest. The concerned member immediately informs the Regulatory Council and does not attend the meeting considering the issue concerning him or her.	réunion traite une question dans laquelle il a un intérêt. Le membre concerné en informe immédiatement le Conseil de Régulation et ne participe pas à la réunion qui examine la question qui le concerne.
<u>Ingingo ya 7: Ingingo y’ururimi</u>	<u>Article 7: Language provision</u>	<u>Article 7 : Disposition linguistique</u>
Iri teka ryateguwe mu rurimi rw’Ikinyarwanda.	This Order was drafted in Ikinyarwanda.	Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda.
<u>Ingingo ya 8: Gutangira gukurikizwa</u>	<u>Article 8: Entry into force</u>	<u>Article 8 : Entrée en vigueur</u>
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.	This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 21/11/2023

(sé)

Dr MUJAWAMARIYA Jeanne d’Arc

Minisitiri w’Ibidukikije

Minister of Environment

Ministre de l’Environnement

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux